

A Uguhebuza k'urukundo

❖ Inzira ihebuje

- Ni ubuhe bwoko bw'urukundo Pawulo agaragaza mu 1 Abakorinto 13, kandi kuki ruruta impano ya mwuka iyo ari yo yose? (1 Abakorinto 12:31–13:3)
- Mu Kigiriki hari amagambo menshi asobanura urukundo. Pawulo yahisemo *agape* (urukundo rutagira inariye, rudafite ikigombero, kandi rutekerejweho, rugashaka gusa ineza y'abandi), ari ryo Yohana akoresha mu kuvuga ngo “Imana ni urukundo” (1 Yohana 4:8).
- Nta mpano ya mwuka igira akamaro iyo idakoreshejwe n'urukundo nk'uru. Mu kuri, ibikorwa byacu byose n'ibitekerezo byacu byose bigomba kuba byuzuyemo *urukundo rwa agape*.
- Yesu yaduhaye umuburo ko kubera ubuhenebere, urwo rukundo ruzakonja (Matayo 24:12). Ariko ntutugomba kwemera ko ibi bidusohoreraho ubwacu, mu ngo zacu, cyangwa mu matorero yacu.

B Ibiranga urukundo

❖ Icyo urukundo rukora

Rurihangana	<i>makrothymeō</i> : kugira umutima wagutse, gushikama, kwihangana	Rugaragaza kwihangana no kwihanganira amafuti y'abandi
Rugira neza	<i>jrēsteuomai</i> : gukorana umutima w'ubushake	Rugira imbabazi n'impuhwe
Rwishimira ukuri	<i>synjairō</i> : kugaragarza ukwifatanya, gushimira	Rwishimana n'abashyigikiye ukuri
Rubabarira byose	<i>stegō</i> : kurenga ku kintu utuje (gushikama mu kwihangana)	Rurenga ku mafuti y'abandi rucecetse, nta kuyashyira ku ka rubanda
Rwizera byose	<i>pisteuō</i> : kugira kwizera, gutanga ishimwe, kwiringira	Ntiruciraho iteka, rutegereza isohozwa ry'ibyashidikanywaho
Rwiringira byose	<i>Elpizō</i> : gutegereza cyangwa kwiringira	Buri gihe rutekereza ko habaho ibyiza
Rwihanganira byose	<i>hypomenō</i> : gukomera, gushikama, kugira ubutwari, kutagamburura	Rwihanganira ibirushya, ibigeragezo, n'akarengane

❖ Icyo urukundo ruDAkora

Ntirugira ishyari	<i>zeloō</i> : kugira akayihayiho	Ntirugirira ishyari abafite izindi mpano cyangwa imico-mbonera
Ntirwirarira	<i>perpereuomai</i> : kwiyezera, kwirata	Ntirushaka gushimwa n'abandi
Ntirwihimbaza	<i>fysioō</i> : kwikuza, guhinduka umwibone	Ntirwigira umuntu w'igitangaza
Ntirukora ibiteye isoni	<i>asjēmoneō</i> : gukora mu buryo budakwiriye	Ntirukora ibihabanye n'amahame y'imico-mbonera
Ntirushaka ibyawo	<i>zēteō</i> : gushakashaka	Kubw'ineza y'abandi, ruhara uburenganzira bwawo
Ntiruhutiraho	<i>paroxynō</i> : gutyariza ikintu kubabaza, kwiyeza cyangwa kurakaza	Ntirugira inzika cyangwa ngo rushotorwe
Ntirutekereza ikibi	<i>logizomai</i> : kurōndōra urutonde	Rurababarira kandi rukibagirwa ikibi rwagiriwe
Ntirwishimira gukiranirwa	<i>jairō</i> : kunezerwa, kwishima, cyangwa kumva utunganiwe	Ntirwishimira amafuti, ahubwo rushaka kuyakosora

❖ Ibiranga Yesu

- *Yarihanganye cyane* : Yihanganiye gukubitwa, gutukwa no gusuzugurwa (Matayo 27:27–31)
- *Agira neza* : Yitaye ku muntu wese wabaga ababaye
- *Yishimira ukuri* : Yigishije ukuri mu buryo busobanutse kandi bwemeza imitima
- *Ababarira byose* : Ntabwo yaciriyeho iteka umugore w’umunyabyaha, ahubwo yamuhaye imbabazi (Yohana 8:10–11)
- *Yizera byose* : Yizeye ukutaryarya k’umutima wa Zakayo (Luka 19:8–9)
- *Yiringira byose* : Yateguriye abagabo 12 gukora umurimo “udashoboka”
- *Yihanganira byose* : Yihanganiye inzara, kwangwa, umubabaro, n’akarengane
- *Ntagira ishyari* : Ntiyashakaga icyubahiro, ahubwo yifatanyaga n’abicisha bugufi
- *Ntiyihimbaza* : Nubwo yari Umwami w’Isanzure, ntiyigeze abyirata
- *Ntiyishyira hejuru* : Yari yiteguye gukora imirimo yoroheje cyane
- *Ntakora ibiteye isoni* : Yākiraga abantu bose mu rugwiro n’ubupfura
- *Ntiyishakira ibye* : Yahoraga akora ibyo Se ashaka (Yohana 6:38)
- *Ntahutiraho* : Ndetse n’igihe bamukubitaga, yabasubizaniye ubupfura (Yohana 18:22–23)
- *Nta kibi atekereza* : Yasabiye imbabazi abamubambye (Luka 23:34)
- *Ntiyishimira gukiranirwa* : Yabwije abafarisayo b’abagome imvugo ikomeye (Matayo 23:27–28)

C Ukudacogora k’urukundo

❖ Umuco-mbonera uhebuje indi

- Abakorinto bagaragazaga mu myifatire yabo ibyo urukundo rudakora: bari abanyeshyari, birarira, bishyira hejuru, bakoraga ibidakwiriye, barikundaga, barakaraga vuba, bari abagome, kandi bihanganiye icyaha.
- Kimwe na bo, tugomba kureka ayo mafuti, tukagwiza imico-mbonera y’urukundo, nk’uko Pawulo atwigisha, kugira ngo dukoreshe impano za mwuka neza. Anaturarikira kugwiza indi mico-mbonera ibiri: ukwizera n’ibyiringiro.
- Yesu naza, icyaha kizakurwaho, kandi tuzishimira ubugingo buhoraho turi kumwe na We. icyo gihe, guhanura, kuvuga indimi, n’izindi mpano, hamwe no kwizera n’ibyiringiro, ntibizaba bigikenewe. Ariko urukundo ruzahoraho iteka ryose (1 Abakorinto 13).